**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RW'UBUJURIRE**
**B.P 2197 KIGALI**

REPUBLIQUE DU RWANDA
Au nom du Peuple Rwandais

**ICYEMEZO Nº 0004/Pres./CA/2019/CIV KU ITAKAMBA RYA Me HAVUGIMANA Ignace**

Umwaka w'Ibihumbi bibiri na cumi n'icyenda, Umunsi wa cumi na gatatu w'Ukwezi kwa Nzeli;

Twebwe KARIMUNDA Muyoboke Aimé, Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire, dufashijwe na UWASE Zita, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

**[1].** Tumaze kubona ibaruwa ya Me HAVUGIMANA Ignace yo ku wa 11/09/2019 yanditse atakambira icyemezo cyo ku wa 10/09/2019 kimuca ihazabu mbonezamubano y'amafaranga ibihumbi magana abiri (200 000 Frw) kubera gutinza urubanza nº RPAA 00402/2018/CA;

**[2].** Tumaze kubona ibisobanuro bya Me HAVUGIMANA Ignace uvuga ko impamvu atitabiriye iburanisha ari uko mugenzi we Me KAVUYEKURE Dieudonné uhagarariye abaregera indishyi mu rubanza nº RPAA 00402/2018/CA yandikiye urukiko arumenyesha urupfu rw'umwe mu baregera indishyi witwa MUKARWEGO Joseline wapfuye kuwa 08/09/2019 agashyingurwa kuwa 10/09/2019, akaba yaranditse asaba ko urubanza rusubikwa kugira ngo hazagaragazwe uzasimbura uwo muburanyi mu rubanza;

**[3].** Tumaze kubona ko Me HAVUGIMANA Ignace asobanura ko yari afite urundi rubanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rufite nº RC 00142/2018/TGI/GSBO abanza kujya kuruburana kuko yumvaga impamvu zo gusubika urubanza nº RPAA 00402/2018/CA zumvikana;

**[4].** Dushingiye ku biteganywa n'ingingo ya 19, igika cya 4, y'Itegeko nº 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi ivuga ko icyemezo gitegeka umuburanyi, umuhagarariye cyangwa umwunganira gutanga ihazabu kubera gutinza urubanza gishobora gutakambirwa kwa Perezida w'Urukiko mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane;

[5]. Dusanze muri dosiye (IECMS) harimo ibaruwa Me KAVUYEKURE Dieudonné yandikiye urukiko arumenyesha ko MUKARWEGO Joseline, yari ahagarariye nk'uregera indishyi mu rubanza nº RPAA 00402/2018/CA yapfuye ku wa 08/09/2019, akaba yari gushingurwa ku wa 10/09/2019, umunsi urubanza rwagombaga kuburanishirizwaho, kandi iyo umuburanyi uregera indishyi apfuye, hagomba kugaragazwa uwamusimbuye mu nyungu ze nawe agahamagazwa, byumvikanisha ko niyo aba Avoka bose bitabira iburanisha, urubanza rutari kuburanishwa uregera indishyi wapfuye atarasimburwa muri urwo rubanza;

[6]. Dusanze rero mu gihe muri dosiye harimo urwandiko rwa Me KAVUYEKURE Dieudonné rugaragaza ko uwo yunganiraga yapfuye, akabimenyesha ubwanditsi bw'Urukiko hakiri kare kugirango bitaza kubangamira imirimo y'Urukiko, aba avoka bibwiye ko urwo rwandiko rwihagije bigatuma batitabira iburanisha, ntibafatwa nk'abatindije urubanza ku bushake, bityo ihazabu mbonezamubano y'amafaranga ibihumbi magana abiri (200 000 Frw) Me HAVUGIMANA Ignace yaciwe kubera gutinza urubanza nº RPAA 00402/2018/CA ikaba ikwiye gukurwaho.

**ICYEMEZO CY'URUKIKO**

[7]. **Dutegetse** ko icyemezo cyo ku wa 10/09/2019 gihanisha Me HAVUGIMANA Ignace ihazabu mbonezamubano y'amafaranga ibihumbi Magana abiri (200 000 frw) kubera gutinza urubanza nº RPAA 00402/2018/CA gikuweho ;

[8]. **Dutegetse** ko iki cyemezo gihita kimenyeshwa Me HAVUGIMANA Ignace.

Bikorewe i Kigali, mu biro byacu, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru

**KARIMUNDA Muyoboke Aimé**
**Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire**

**UWASE Zita**
**Umwanditsi w'Urukiko**

Copie certifiée conforme à l'originale
Greffier UWASE Zita
Le 01/10/2019